- **Rwabukamba Venuste**: Umushoramari. Bamusanze yapfuye kuwa 10 Ukwakira 2016 i Rwamagana nyuma y'iminsi mike aganiriye n'itangazamakuru aho yasobanuye uko imitungo ye yafatiriwe na Leta y'u Rwanda. Iyicwa rye polisi yaritangaje ivuga ko yiyahuye.

- **Maniriho Christian**: Yarashwe ku itariki ya 9 Mata 2016 i Kibungo.

- **Padiri Dr. Karekezi Dominique:** Umuyobozi wa Kaminuza ya INATEK. Yapfuye anizwe kuwa 10 Kanama 2015.

- **Capt. Kayitare Dieudonne**: Yishwe mu kwezi kwa Gashyantare 2015. Imitungo ye yahise yigarurirwa na Leta y'u Rwanda.

- **Rwigara Assinapol**: Umushoramari. Yishwe atewe ibyuma mu mutwe kuwa 4 Gashyantare 2015. Police yatangaje ko ari impanuka. Hari hashize ukwezi yandikiye Perezida wa Repubulika ku mbogamizi zikomeye yaterwaga n'inzego za Leta muri business ze. Hari hashize iminsi icumi kandi agiranye ikiganiro n'itangazamakuru ku byerekeranye n'izo mbogamizi.

- **Mazimpaka Richard**: Yari umwe mu bayobozi ba Fina Bank na GT Bank. Yishwe anizwe kuwa 3 Ukuboza 2014. Ibinyamakuru bibogamiye kuri Leta byihutiye gukwirakwiza inkuru zivuga ko yiyahuye.

- **Ndagijimana John**: Bamusanze afite ibikomere mu mutwe. Yaje gupfa bidatinze. Byabaye kuwa 4 Kamena 2014 i Nyabisindu i Kigali.

- **Niyomugabo Gerard Nyamihirwe**: Umunyamakuru, umwalimu, umwanditsi, umusesenguzi, uharanira uburenganzira bwa muntu, ushaka ineza n'iterambere rya Afurika. Yashimuswe n'inzego z'umutekano muri Mata 2014.

- **CIP Habineza Charles**: Yapfiriye i Kigali muri 2013. Bamuteye ibyuma hafi y'ugutwi kwe.

- **Makonene Gustave**: Umuhuzabikorwa wa Transparency International Rwanda. Umurambo we wabonetse ku nkombe z'ikiyaga mu mugi wa Rubavu kuwa 18 Nyakanga 2013. Yabonetse hari umugozi mu ijosi rye bigaragara ko yanizwe.

- **Ntabana Aime:** Kuva yashimutwa n'intasi za DMI y'u Rwanda zimuvanye Uganda Muri Gicurasi 2013 akagarurwa i Kigali, nta wongeye kumenya amakuru ye.

- **Ingabire Charles**: Yari umunyamakuru. Kuwa 30 Ugushyingo 2011 nibwo yarasiwe i Kampala muri Uganda.